Jean Paul NDISANZE umuyobozi ushinzwe ishoramari n'iterambere ry'ubucuruzi.

"ABAGORE BAFITE URUHARE RUKOMEYE MU GUTEZA IMBERE UMUCO WO KWIZIGAMIRA NO KUWUTOZA ABAKIRI BATO."

Ibi ni byagarutsweho Mu kiganiro umuyobozi ushinzwe ishoramari n'iterambere ry'ubucuruzi muri RNIT Jean Paul NDISANZE yagejeje ku bitabiriye inama rusange y'igihugu y'abagore ya 23. Uyu muyobozi yibukije abaraho ko kwizigamira ariyo nzira yonyine ishobora ku kugeza ku iterambere rirabye yaba wowe kugiti cyawe cyangwa iterambere ry'igihugu muri rusange.

Yagize ati: **" kuzigama niyo ntango yambere kugirango umuntu angere ku iterambere uko byaba bimeze kose yaba umuntu kugiti cye,ikigo byaba n'igihugu kuko iyo umuntu ajya gutera imbere ahera kucyo yabitse, icyo tubika rero kiva mubyo twungutse, ndetse niyo muri gahunda zajye ziterambere ngize amahirwe yo gukoresha amafaranga atavuye mu byajye byanze bikunze nubundi aba avuye mu kuzigama kwabanzi bantu. Niba mfashe umwenda wavuye mu kuzigama kwabandi bantu ni ngobwa rero ko mu gihe dutekereza iterambere dukwiriye gutekereza kuzigama"**

Muri iki kiganiro kandi Jean Paul NDISANZE yibukije ba mutima w'urugo ko bafite uruhare rukomeye cyane mu guteza imbere umuco wo kuzigama harimo no kuwutoza abakiri bato, anabasezeranya ko aho bazakenera ubufasha RNIT yiteguye ku bafasha kugera ku rwego rw'akagari.

Ati" **Twese uko turi, aho tuva tukagera twaciye mu biganza by'umubyeyi, nuri umugabo uyumutsi aba yaraciye mu biganza by'umubyeyi aramuherekeza. Mubyo duherekezamo abaduca mubiganza bose baba abana tubyara,abavandimwe n'abagabo bacu hagomba no kujyamo umwanya wo kuzigama tukabitoza abana kugeza bakuze"**.

Inama rusange ya 23 y'igihugu y'abagore ikaba yari ifite insanganyamatsiko ivuga iti: Iterambere ry'Umugore Iterambere ry'Igihugu". Ikaba ihuza abagore bahagarariye abandi mu nzego zose z'igihugu.